



Repubulika  
y'u Rwanda



# RAPORO Y'AMATORA YA PEREZIDA WA REPUBLIKA N'AY'ABADEPITE

— 2024 —

## IJAMBO RY'IBANZE

Hashingiwe ku ngingo ya 75, iya 76, iya 100, iya 101 n'iya 173 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda;

Hashingiwe kandi ku ngingo ya 58 y'Itegeko ngenga n° 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye inayobora amatora ya Perezida wa Repubulika yahujwe n'ay'Abadepite muri Nyakanga 2024;

Nk'uko biteganywa n'Itegeko n° 043/2024 ryo ku wa 06/05/2024 rigenga Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu ngingo yaryo ya 2, intego ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ni ugutegura, kuyobora amatora no gukora ku buryo amatora akorwa mu mucyo no mu bwisanzure hagamijwe kwimakaza umuco wa Demokarasi mu Gihugu;

Hashingiwe ku iteka rya Perezida n° 077/01 ryo ku wa 11/12/2023 ryerekeye amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite;

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye, inayobora amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abagize Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite yakozwe kuva ku itariki ya 14 kugera ku itariki ya 16 Nyakanga 2024 ku buryo bukurikira:

- Tariki ya 14 Nyakanga 2024:** amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite 53 baturuka mu Mitwe ya Politiki n'abakandida bigenga ku Banyarwanda baba mu Mahanga;
- Tariki ya 15 Nyakanga 2024:** amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite 53 baturuka mu Mitwe ya Politiki n'abakandida bigenga mu Rwanda;
- Tariki ya 16 Nyakanga 2024:** amatora y'Abadepite 24 b'abagore batorwa n'inzezo zihariye hakurikijwe inzego z'imitgekekere y'Igihugu. Abadepite 2 batorwa n'lnama y'Igihugu y'Urubyiruko n'Umudepite umwe utorwa n'lnama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga.

Amatora yakozwe hubahirizwa ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza, mu mucyo no mu bwisanzure kandi arangwa n'umutuzo n'ubwitabire bushimishije. Amatora rusange yitabiriwe ku gipimo cya 98.20%. Ibi bikaba bigaragaza intambwe n'urwego Abanyarwanda bagezeho mu kwihitiramo Abayobozi babo. Ibi Komisiyo ibikesha kandi ubufatanye n'inzezo zose z'Igihugu zagize uruhare mu bikorwa bitandukanye by'amatora, ubwitange bw'abakozi n'abakorerabushake b'amatora by'umwihariko.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora irashimira Abanyarwanda bose uruhare bagize muri ayo matora bitabira ibikorwa by'imyiteguro yayo ndetse bitabira gutora ku bwinshi ku minsi y'amatora nyirizina.

Komisiyo iboneyeho kandi umwanya wo gushimira byimazeyo abafatanyabikorwa ku nzego zitandukanye ku musanzu wabo mu migendekere myiza y'ibikorwa by'amatora.

## GASINZIGWA Oda

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora

# ISHAKIRO

· INTANGIRIRO .....	1
· IMYITEGURO RUSANGE Y'AMATORA .....	2
· 1.1. Gutegura gahunda y'amatora no kuyimyenekanisha .....	2
· 1.2. Gutegura Amategeko n'Amabwiriza bigenga amatora .....	3
· 1.3. Gutegura no gushaka ingengo y'Imari .....	3
· 1.4. Kuvugurura no gutegura ilisiti y'itora .....	4
· 1.4.1. Ilisiti y'itora mu matora rusange .....	4
· 1.4.2. Ilisiti y'itora mu matora aziguye y'Ibyiciro byihariye .....	7
· 1.5. Kugena no kumenyekanisha ahatorerwa .....	7
· 1.6. Gutegura no gutanga inyigisho z'uburere mboneragihugu no kumenyekanisha ibikorwa by'amatora .....	8
· 1.7. Gushyiraho no guhugura Abakorerabushake b'amatora n'Abakozi b'ingoboka .....	11
· 1.7.1. Abakorerabushake .....	11
· 1.7.2. Abakozi b'ingoboka .....	12
· 1.8. Gutumira no kwakira Indorerezi .....	12
· 1.9. Kunoza imikorere n'imikoranire n'Abafatanyabikorwa .....	16
· 1.10. Kwakira no kwemeza Kandidatire .....	18
· 1.11. Ibikorwa byo kwiyamamaza .....	22
· 2. KUYOBORA AMATORA NYIRIZINA.....	23
· 2.1. Gutegura ahatorerwa no kuhageza ibikoresho .....	23
· 2.2. Amatora nyirizina n'ibayavuyemo .....	23
· 3. IBYARANZE AMATORA .....	32
· 4. IBYAZITABWAHO MU MATORA ARI IMBERE .....	32
· 5. IGERERANYA RY'IBIPIMO BY'AMATORA MU MYAKA YA 2017/2018 NA 2024 .....	32
· 6. UMUSOZO .....	34

## IMBONERAHAMWE

• Imbonerahamwe ya 1: Ingengo y'imari yakoreshejwe mu matora....	4
• Imbonerahamwe ya 2: Ilisiti y'itora yakoreshejwe mu matora ataziguye .....	5
• Imbonerahamwe ya 3: Abakoresheje ikoranabuhanga mu kwiyimura ku ilisiti y'itora.....	7
• Imbonerahamwe ya 4: Ilisiti y'Inteko itora yakoreshejwe mu matora y'abadepite 24 b'abagore.....	7
• Imbonerahamwe ya 5: Ibiro n'Ibyumba by'itora byashyizweho mu Gihugu no mu Mahanga .....	8
• Imbonerahamwe ya 6: Imfashanyigisho ku matora zateguwe zikanatuburwa .....	8
• Imbonerahamwe ya 7: Ibyiciro n'imibare by'abahuguwe.....	9
• Imbonerahamwe ya 8: Imibare y'Abakorerabushake bayoboye amatora mu gihugu no mu Mahanga .....	11
• Imbonerahamwe ya 9: Abakozi b'ingoboka bashyizweho .....	12
• Imbonerahamwe ya 10: Indorerezi zakurikiranye amatora ya Perezida wa Repubulika.....	15
• Imbonerahamwe ya 11: Inama n'Abafatanyabikorwa b'Amatora .....	
• Imbonerahamwe ya 12: Kandidatre zakiriwe n'izemejwe ku myanya y'Abadepite 53 baturuka mu mitwe ya Politiki n'abakandida bigenga.....	19
• Imbonerahamwe ya 13: Kandidatre zakiriwe n'izemejwe ku myanya y'Abadepite baturuka mu byiciro byihariye.....	22
• Imbonerahamwe ya 14: Ibyavuye mu matora ya Perezida wa Repubulika.....	26
• Imbonerahamwe ya 15: Ibyavuye mu matora y'Abadepite 53 .....	27
• Imbonerahamwe ya 16: Abadepite 53 baturuka mu Mitwe ya politiki batowe.....	29

## INTANGIRIRO

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, u Rwanda rwakomeje gutera intambwe mu guteza imbere imiyoborere ishingiye ku mahame ya Demokarasi ahanini bishingiye ku mateka Igihugu cyanyuzemo. Ni muri urwo rwego kuva mu 2003, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye kandi iyobora amatora ya Perezida wa Repubulika ku nshuro ya kane (4), n'ay'Abagize Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite ku nshuro ya gatanu (5).

Hashingiwe ku nyungu zitandukanye zo guhuza amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite zirimo kugabanya igihe abaturage n'abafatanyabikorwa bamara bari mu bikorwa by'amatora no kugabanya ingengo y'imari igenda ku matora.

Kugira ngo hubahirizwe ibiteganywa n'ingingo ya 75, n'iya 100 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda zijiyanze n'igihe itora rya Perezida wa Repubulika n'iry'Abadepite rikorerwa, ayo matora yakozwe ku matariki ya 14, 15 na 16 Nyakanga 2024.

Mu gutegura no kuyobora amatora, ibyakozwe byashingiye kuri gahunda y'amatora, amategeko n'amabwiriza biyagenga.

### **Iyi raporo irambuye igizwe n'ibice by'ingenzi bikurikira:**

1. Imyiteguro rusange y'amatora, yerekana ibikorwa bitandukanye byatunganyijwe mbere y'amatora;
2. Kuyobora amatora nyirizina, bigaragaza imigendekere yayo n'ibayavuyemo;
3. Ibyaranze amatora n'ibazitabwaho mu matora ari imbere;
4. Igereranya ry'ibipimo by'amatora mu myaka ya 2017/2018 na 2024;
5. Imigereka igaragaza cyane cyane intonde z'abakandida bemejwe mu matora.

# 1. IMYITEGURO RUSANGE Y'AMATORA

Mu rwego rwo gutegura amatora, hakozwe ibikorwa bitandukanye birimo iby'ingenzi bikurikira: gutegura gahunda y'amatora no kuyimyenyekekanisha, gutegura Amategeko n'Amabwiriza agenga amatora, gutegura no gushaka ingengo y'imari, kuvugurura ilisiti y'itora, gusura no kumenyekanisha ahazatorerwa, gutanga inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora ku byiciro bitandukanye, gushyiraho no guhugura abayobora amatora, gutumira no kwakira indorerezi z'amatora, kunoza imikorere n'imikoranire n'abafatanyabikorwa, kwakira no kwemeza kandidatire no gukurikirana ukwiyamamaza kw'abakandida.

## 1.1 Gutegura gahunda y'amatora no kuyimyenyekekanisha

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ishingiye ku Iteka rya Perezida No 077/01 ryo ku wa 11/12/2023 ryerekeye amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite; yateguye gahunda y'amatora iranayimyenyekekanisha.

Amwe mu matariki y'ingenzi agaragara muri iyo gahunda ni aya akurikira:

### 17- 30/05/2024:

Kwakira kandidatire ku mwanya wa Perezida wa Repubulika n'Abadepite

### 22/06-13/07/2024:

Kwiyamamaza kw'Imitwe ya Politiki n'Abakandida bigenga mu matora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite

### 14/07/2024:

Amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite 53 baturuka mu Mitwe ya Politiki n'abakandida bigenga ku Banyarwanda baba mu Mahanga

### 15/07/2024:

Amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite 53 baturuka mu Mitwe ya Politiki n'abakandida bigenga mu Rwanda

### 16/07/2024:

Amatora y'Abadepite 24 b'abagore batorwa n'inzego zihariye hakurikijwe inzego z'imitgekere y'Igihugu, Abadepite babiri batorwa n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'Umudepite umwe utorwa n'Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga

### Bitarenze 20/07/2024:

Gutangaza by'agateganyo ibyavuye mu matora

### Bitarenze 27/07/2024:

Gutangaza burundu ibyavuye mu matora

Gahunda y'amatora irambuye iragaragara ku mugereka wa mbere w'iyi raporo.

## 1.2. Gutegura Amategeko n'Amabwiriza bigenga amatora

Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yagize uruhare mu gutegura:

- Ivugururwa ry'Itegeko Ngenga N° 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe;
- Iteka rya Perezida No 077/01 ryo ku wa 11/12/2023 ryerekeye amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite;

Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yateguye kandi Amabwiriza N° 001/24 yo ku wa 19/02/2024 agenga amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yo mu mwaka wa 2024, Nyuma yo kuyaganiraho n'inzezo bireba yatangajwe mu Igazeti ya Leta n° idasanzwe yo ku wa 20/02/2024.

## 1.3. Gutegura no gushaka ingengo y'Imari

Mu gutegura no kuyobora amatora, Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yakoresheje ingengo y'imari ingana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyari umunani na Miliyoni magana atanu na Mirongo itatu n'ibihumbi magana ane na mirongo itandatu na magana atandatu na makumyabiri n'atanu (8,530,460,625Frw) yaturutse mu ngengo y'imari ya Leta.

Muri rusange Ingengo y'imari yakoreshejwe yaragabanutse ugereranyije n'iwayi gukoreshwa iyo amatora yombi adahuzwa. Bityo Ighugu cyazigamye 24% y'ingengo y'Imari yari gukoreshwa iyo amatora adahuzwa nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

Ibikorwa	Ingengo y'imari		Igiteranyo (Frw)
	2023 - 2024	2024 - 2025	
Guhemba Abakozi	711,124,371	198,383,944	909,508,315
Guhemba Abakorerabushake	0	999,999,999	999,999,999
Ibikoresho byo mu Biro	44,459,200		44,459,200
Ibikoresho by'Amatora	647,478,284		647,478,284
Gutubura Inyandiko zijiyanne n'Amatora	439,805,378		439,805,378
Gukoresha ikoranabuhanga mu matora	241,779,380	30,501,120	272,280,500
Ilisiti y'Itora	267,547,600		267,547,600
Gukodesha Imodoka n'Ingendo	281,331,453	865,499,093	1,146,830,546
Gucapa no Gutubura Impapuro z'Itora	0	1,529,004,182	1,529,004,182
Amahugurwa y'Abakorerabushake	429,039,917		429,039,917
Inyigisho z'Uburerere mboneragihugu ku Matora	710,371,370		710,371,370
Kumenyekanisha Ibikorwa by'Amatora	363,036,230	151,997,846	515,034,076
Amafaranga y'Itumanaho	142,648,835		142,648,835
Amafaranga ajyanye na serivisi zijiyanne n'Amatora	20,000,000		20,000,000
Imyambaro iranga Abakozi n'Abakorerabushake ba Komisiyo	456,452,423		456,452,423
<b>IGITERANYO</b>	<b>4,755,074,441</b>	<b>3,775,386,184</b>	<b>8,530,460,625</b>

Ibikorwa	Ingengo y'imari		Igiteranyo (Frw)
	2017	2018	
Ingengo y'Imari yakoreshejwe mu matora ya Perezida n'ay'Abadepite aheruka	5,794,277,312	5,393,424,330	11,187,701,642
<b>Ikinyuranyo</b>			<b>2,657,241,017</b>
<b>Ijanisha ry'ingengo y'Imari Leta yungutse</b>			<b>24%</b>

*Imbonerahamwe ya 1: Ingengo y'imari yakoreshejwe mu matora*

#### 1.4. Kuvugurura no gutegura ilisiti y'itora

Nk'uko biteganywa n'itegeko ngenga rigenga amatora mu ngingo yaryo ya 6, umuntu wese ufite imyaka 18 cyangwa uyigejeje ku munsi w'itora utazitiwe n'imiziro iteganywa mu ngingo ya 7 n'ya 8 y'iryo tegeko yandikwa ku ilisiti y'itora. Ilisiti y'itora itegurwa ku bufatanye n'inzezo zitandukanye zirimo ikigo cy'Igihugu gishinzwe Indangamuntu (NIDA), Inzezo z'lbanze, Ambasade cyangwa Konsila by'u Rwanda. Ilisiti y'itora yavuguruwe hakoreshejwe uburyo bw'inyandiko n'ubw'ikoranabuhanga.

##### 1.4.1. Ilisiti y'itora mu matora rusange


Mu matora ataziguye ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite 53 baturuka mu Mitwe ya Politiki no mu bakandida bigenga, havuguruwe ilisiti y'itora iteye ku buryo bukurikira:

INTARA	AKARERE	BOSE	GABO	%	GORE	%	URUBYIRUKO	%
AMAJYARUGURU	Rulindo	241,382	110,202	46	131,180	54	101,399	42
	Gakenke	279,600	126,536	45	153,064	55	120,540	43
	Musanze	336,862	155,840	46	181,022	54	149,585	44
	Burera	295,377	135,321	46	160,056	54	138,256	47
	Gicumbi	327,337	150,791	46	176,546	54	144,460	44
	<b>IGITERANYO</b>	<b>1,480,558</b>	<b>678,690</b>	<b>46</b>	<b>801,868</b>	<b>54</b>	<b>654,240</b>	<b>44</b>
AMAJYEPFO	Nyanza	239,693	107,850	45	131,843	55	101,034	42
	Gisagara	263,025	116,202	44	146,823	56	114,834	44
	Nyaruguru	228,736	103,533	45	125,203	55	107,975	47
	Huye	254,115	113,806	45	140,309	55	103,528	41
	Nyamagabe	263,181	119,389	45	143,792	55	117,424	45
	Ruhango	254,224	115,146	45	139,078	55	105,150	41

	Muhanga	262,018	119,523	46	142,495	54	108,300	41
	Kamonyi	290,938	133,200	46	157,738	54	118,742	41
	<b>IGITERANYO</b>	<b>2,055,930</b>	<b>928,649</b>	<b>45</b>	<b>1,127,281</b>	<b>55</b>	<b>876,987</b>	<b>43</b>
IBURASIRAZUBA	Rwamagana	279,380	128,711	46	150,669	54	114,507	41
	Nyagatare	427,657	202,331	47	225,326	53	192,957	45
	Gatsibo	366,591	171,321	47	195,270	53	161,600	44
	Kayonza	293,427	136,807	47	156,620	53	127,282	43
	Kirehe	294,560	136,115	46	158,445	54	128,201	44
	Ngoma	262,864	118,663	45	144,201	55	109,086	41
	Bugesera	321,892	149,864	47	172,028	53	134,136	42
	<b>IGITERANYO</b>	<b>2,246,371</b>	<b>1,043,812</b>	<b>46</b>	<b>1,202,559</b>	<b>54</b>	<b>833,633</b>	<b>37</b>
	<b>IGITERANYO</b>	<b>2,055,930</b>	<b>928,649</b>	<b>45</b>	<b>1,127,281</b>	<b>55</b>	<b>876,987</b>	<b>43</b>
IBURENGERAZUBA	Karongi	257,048	115,403	45	141,645	55	113,860	44
	Rutsiro	265,772	121,068	46	144,704	54	122,716	46
	Rubavu	355,739	166,410	47	189,329	53	157,391	44
	Nyabihu	262,543	118,727	45	143,816	55	124,917	48
	Ngororero	273,227	120,712	44	152,515	56	124,249	45
	Rusizi	325,197	148,739	46	176,458	54	141,773	44
	Nyamasheke	299,405	132,301	44	167,104	56	130,463	44
	<b>IGITERANYO</b>	<b>2,038,931</b>	<b>923,360</b>	<b>45</b>	<b>1,115,571</b>	<b>55</b>	<b>915,369</b>	<b>45</b>
	<b>IGITERANYO</b>	<b>2,055,930</b>	<b>928,649</b>	<b>45</b>	<b>1,127,281</b>	<b>55</b>	<b>876,987</b>	<b>43</b>
UMUJYI WA KIGALI	Nyarugenge	287,936	151,265	53	136,671	47	116,521	40
	Gasabo	540,726	278,490	52	262,236	48	215,158	40
	Kicukiro	343,567	180,231	52	163,336	48	138,364	40
	<b>IGITERANYO</b>	<b>1,172,229</b>	<b>609,986</b>	<b>52</b>	<b>562,243</b>	<b>48</b>	<b>470,043</b>	<b>40</b>
DIASPORA	DIASPORA	77,138	41,243	53	35,895	47	16,915	22
<b>IGITERANYO RUSANGE</b>		<b>9,071,157</b>	<b>4,225,740</b>	<b>47</b>	<b>4,845,417</b>	<b>53</b>	<b>3,767,187</b>	<b>42</b>

*Imbonerahamwe ya 2: Iisiti y'itora yakoreshejwe mu matora ataziguye*

## ILISITI Y'ITORA



Hashingiwe ku ilisiti y'itora ya 2018 yariho abatora 7,172,612, biragaragara ko umubare w'abatora wiyoungereyeho abangana 1,898,545 bingana na 26.46 %.

### 1.4.1.1 Kuvugurura ilisiti y'itora hakoreshejwe inyandiko

Mu rwego rwo kurushaho kunoza ilisiti y'itora yagombaga gukoreshwa mu matora, hagamijwe ko abaturage bagejeje igihe cyo gutora bahabwa uburenganzira bwo gutora, ilisiti y'itora yagejejwe mu Midugudu yose kugira ngo hakorwe ibi bikurikira: kureba niba uwanditswe ku ilisiti y'itora abyemerewe, kureba ko umwirondoro we uhuye n'uri ku ilisiti y'itora, kureba ko aho yifuza gutorera ariho yanditswe no gufashwa kwimurwa ku ilisiti y'itora aho biri ngombwa.

### 1.4.1.2 Gukoresha ikoranabuhanga mu kuvugurura ilisiti y'itora

Hakoreshejwe ikoranabuhanga ryatumye Abanyarwanda mu Gihugu no mu mahanga bangana na 780,332 bashobora kwiyimura ku ilisiti y'itora mu bihe bitandukanye hakoreshejwe ubutumwa bugufi bwa telefone igendanwa kuva mu kwezi kwa Mata kugeza muri Kamena 2024, hanakoreshejwe kandi Murandasu kuva muri Gicurasi kugeza muri Kamena 2024.

N°	Uburyo bwakoreshejwe	2018		2024		Ubwiyongere
		Abiyimuye	%	Abiyimuye	%	
1	Telefone (USSD)	80,384	98.7	639,642	82	559,258
2	Murandasi (Web)	1,070	1.3	140,690	18	139,620
<b>Igiteranyo</b>		<b>81,454</b>	<b>100</b>	<b>780,332</b>	<b>100</b>	<b>698,878</b>

#### *Imbonerahamwe ya 3: Abakoresheje ikoranabuhanga mu kwiyimura ku ilisiti y'itora*

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe abaturage bakoresheje ikoranabuhanga mu kuvugurura ilisiti y'itora bariyongereye hagereranyijwe n'amatora yo mu mwaka wa 2018.

#### **1.4.2. Ilisiti y'itora mu matora aziguye y'Ibyiciro byihariye**

Mu matora aziguye hateguwe ilisiti y'inteko itora iteye ku buryo bukurikira:

##### **A. Abagore:**

Ilisiti y'Inteko itora abadepite 24 b'abagore batorerwa mu Ntara n'Umuyi wa Kigali igizwe n'abagize komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku nzego zose, abagize Inama Njyanama z'Imirenge, abagize Inama Njyanama z'Uturere tugize Intara n'abagize Inama Njyanama y'Umuyi wa Kigali, yari iteye ku buryo bukurikira

INTARA / UMUYI WA KIGALI	UMUBARE W'ABADEPITE	Abagize inteko itora
AMAJYARUGURU	4	24,082
AMAJYEPFO	6	31,539
IBURASIRAZUBA	6	32,511
IBURENGERAZUBA	6	31,789
UMUYI WA KIGALI	2	10,226
<b>IGITERANYO</b>	<b>24</b>	<b>130,147</b>

#### *Imbonerahamwe ya 4: Ilisiti y'Inteko itora yakoreshejwe mu matora y'Abadepite 24 b'abagore*

#### **B. Urubyiruko**

Ilisiti y'Inteko itora mu matora y'Abadepite babiri batorwa n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko yari igizwe n'abatora 261 aribo Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Igihugu n'yo ku rwego rw'Akarere.

#### **C. Abantu bafite ubumuga**

Ilisiti y'Inteko itora mu matora y'Umudepite umwe utorwa n'Inama y'Igihuguy'Abantu bafite ubumuga yari igizwe n'abatora 658 aribo Komite Nyoboziy'Inamay'Igihuguy'Abantu bafite ubumuga kurwegorw'Igihugu, urw'Intara n'Umuyi wa Kigali, urw'Akarere n'Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga ku rwego rwa buri Murenge.

#### **1.5. Kugena no kumenyekanisha ahatorerwa**

Muri rusange ibiro by'itora bishyirwa ahari inyubako za Leta zegereye abaturage kandi zifite ibyangombwa by'ibanze.

##### **1.5.1. Kugena ahatorerwa**

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yasuye ibiro by'itora byakoreshejwe mu matora mu rwego rwo kumenya no gukemura ibibazo byashoboraga kubangamira imigendekere myiza y'amatora,

Hasuwe Site z'itora 2,441 zigizwe n'Ibyumba by'itora 16,086, hasuzumwa niba:

1. Umuhanda ugendeka;
2. Amashanyarazi ahari;
3. Ubwiherero buhari;
4. Icyumba cy'umukobwa gihari;
5. Abantu bafite ubumuga bashobora kuhagera.

Ibiro by'itora bitari byujuje ibisabwa byagaragarijwe abafatanyabikorwa. Ku bufatanye n'inzego zitandukanye, amatora yakozwe ibiro by'itora byujuje ibyasabwaga.

### **1.5.2. Kumenyekanisha ahazatorerwa**

Ku bufatanye n'Ubuyobozi bw'Inzego z'Ibanze na Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga, hashingiwe ku mubare w'abagombaga gutora, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyizeho kandi imenyekanisha ahazatorerwa mu Gihugu no mu Mahanga mu matora rusange n'amatora aziguye y'Abadepite batorwa n'Inzego zihariye. Hemejwe ibiro by'itora byose hamwe 2,601 n'Ibyumba by'itora 17,482 harimo ibiro by'itora 2,443 n'Ibyumba 16,472 mu Gihugu n'Ibiro by'itora 158 n'Ibyumba 1,010 mu Mahanga nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibyerekana.

INTARA / DIASPORA	AHATOREWE		
	IMIRENGE	IBIRO BY'ITORA	IBYUMBA BY'ITORA
AMAJYARUGURU	89	460	2,861
AMAJYEPFO	101	579	3,939
IBURASIRAZUBA	95	621	4,163
IBURENGERAZUBA	96	607	3,782
UMUJYI WA KIGALI	35	176	1,727
MU GIHUGU	416	2,443	16,472
DIASPORA	-	158	1,010
<b>IGITERANYO RUSANGE</b>	<b>416</b>	<b>2,601</b>	<b>17,482</b>

*Imbonerahamwe ya 5: Ibiro n'Ibyumba by'itora byashyizweho mu Gihugu no mu Mahanga*

### **1.6. Gutegura no gutanga inyigisho z'uburere mboneragihugu no kumenyekanisha ibikorwa by'amatora**

#### **1.6.1. Gutegura no gutubura imfashanyigisho**

Hateguwe imfashanyigisho zitandukanye ku matora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite kandi zigezwa ku baturage, Imbonerahamwe ikurikira irerekana imfashanyigisho zateguve.

No	Imfashanyigisho	Umubare watubuwe
1	Iby'ingenzi mu mategeko n'Amabwiriza agenga amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite	22,536
2	Itora rya Perezida wa Repubulika n'iry'abagize Inteko Ishinga Amategeko, umutwe w'Abadepite	29,672
3	Inshingano, Imikorere n'Imyitwarire by'abakorerabushake b'amatora mu bihe by'amatora	
4	Imiterere y'Inzira y'Itora mu itora rya Perezida wa Repubulika n'iry'Abadepite	500,000
<b>IGITERANYO</b>		<b>552,208</b>

*Imbonerahamwe ya 6: Imfashanyigisho ku matora zateguve*

## 1.6.2. Amahugurwa ku burere mboneragihugu ku matora


Kugira ngo Abanyarwanda barusheho gusobanukirwa n'ibijyanye n'amatora kandi bayagiremo uruhare, hateguwe kandi hatangwa inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora, zigezwa ku byiciro binyuranye by'Abanyarwanda baba mu Gihugu ndetse n'ababa mu mahanga bigizwemo uruhare n'abafatanyabikorwa batandukanye.

Izo nyigisho z'uburere mbonera gihugu ku matora zatumye Abanyarwanda bitabira amatora ku buryo bushimishije.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana ibyiciro byahuguwe ku matora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite n'imibare y'abahuguwe,

Nº	IBYICIRO	ABAHUGUWE				Bose
		Gore	%	Gabo	%	
1	Abakozi b'Ingoboka	4	12.5	28	87.5	32
2	Komite Mpuzabikorwa	7,434	35.9	13,278	64.1	20,712
3	Abakorerabushake b'amatora ku rwego rw'Umurenge, Site n'Abakuru b'Ibyumba	6,889	36.7	11,900	633	18,789
4	Inama z'Igihugu (Abagore, Urubyiruko, Abantu bafite Ubumuga)	8,187	83.1	1,665	16.9	9,852
5	Abakorerabushake b'amatora kuva ku rwego rw'Umurenge kugera ku Byumba	47,588	50.5	46,644	49.5	94,232
<b>IGITERANYO</b>		<b>70,102</b>	<b>48.8</b>	<b>73,515</b>	<b>51.2</b>	<b>143,617</b>

*Imbonerahamwe ya 8: Imibare y'Abakorerabushake bayoboye amatora mu Gihugu no mu Mahanga*



Amahugurwa y'abakorerabushake b'amatora

Mu Rwanda, usibye ibyiciro byavuzwe mu mbonerahamwe, hateguwe hanatangwa inyigisho ku matora ku bindi byiciro by'abanyarwanda bitandukanye harimo: Imiryango itari iya Leta, Imiryango ishingiye ku myemerere, Inzego z'Umutekano, Abacungagereza, Abanyeshuri n'abarimu, amashyirahamwe n'amakoperative. Izi nyigisho kandi zatanzwe mu bikorwa bihuza abantu benshi muri rusange nk'umuganda n'inteko z'abaturage.

Ku bufatanye kandi na Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane (MINAFFET) n'ambasade z'u Rwanda hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yagejeje izo nyigisho ku banyarwanda bagombaga gutorera hanze y'Ighugu.

### 1.6.3. Kumenyekanisha ibikorwa by'amatora

Ibikorwa byo kwigisha no gushishikariza Abanyarwanda gusobanukirwa no kwitabira amatora akomatanyije ndetse no gutora neza hirindwa imfabusa byagezwaho hakoreshejwe uburyo butandukanye burimo lnama, Ibiganiro mbwirwaruhame, inyandiko mpine, ibyapa, Itangazamakuru n'imbuga nkoranyambaga.

### Bimwe mu bikorwa byakozwe ni ibi bikurikira:

- Ibiganiro n'amakuru bivuga ku matora ku ma Radyo na Televiziyo bitandukanye;
- Ibiganiro "Inzira ya Demokarasi" cya buri wakabiri kuri Radyo Rwanda;
- Ibiganiro bya "Dusangire Ijambo" kuri Radyo na Televiziyo by'Ighugu;
- Amatangazo na Spots kuri radyo na Televiziyo;
- Ubutumwa bugufi hagati mu biganiro ("Mentions");
- Ibiganiro n'abanyamakuru (press conference);
- Ubutumwa bw'amashusho, amafoto namatangazo kuri Website ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora;
- Ubutumwa bw'amatora ku mbuga nkoranyambaga (X, Facebook, Instagram, WhatsApp);
- Indirimbo z'amatora zikangurira zikanashishikariza abaturage kwitabira amatora;
- Ubutumwa bugufi bwohererejwe abakoresha imirongo ya telefone ya MTN na Airtel.



Ibiganiro n'itangazamakuru



Ibiganiro n'itangazamakuru

## 1.7. Gushyiraho no guhugura Abakorerabushake b'amatora n'Abakozi b'ingoboka

### 1.7.1. Abakorerabushake

Nk'uko bimaze kuba umuco kandi bifitiye Igihugu akamaro hagamijwe guteza imbere uruhare rw'abaturage mu matora kuva mu 2003 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yunganirwa n'abakorerabushake mu bikorwa byayo ku nzego zitandukanye.

Muri aya matora, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyizeho ku nzego zose abakorerabushake bafashije mu miyoborere y'amatora bose hamwe bangana na 96,546 barimo 1,168 bo mu mahanga na 95,378 bo mu Gihugu. Abakorerabushake b'amatora bose kuva ku rwego rw'Umurenge kugera ku cyumba cy'itora bahuguwe ku mategeko n'amabwiriza bigenga amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite no ku myitwarire yabo mu bihe by'amatora.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana umubare w'abakorerabushake bafashije kuyobora amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite.

Nº	INTARA/ UMUJYI WA KIGALI	KU MURENGE			Ku Biro by'itora			ABASESERI			ABASIMBURA			Igiteranyo		
		F	M	Bose	F	M	Bose	F	M	Bose	F	M	bose	F	M	bose
1	Amajyaruguru	65	113	178	142	318	460	7,033	7,272	14,305	980	852	1,832	8,220	8,555	16,775
2	Amajyepfo	72	130	202	293	286	579	10,936	8,784	19,720	1,187	1,101	2,288	12,488	10,301	22,789
3	Iburasirazuba	51	139	190	168	453	621	10,457	10,358	20,815	1,372	1,094	2,466	12,048	12,044	24,092
4	Iburengerezuba	46	146	192	172	435	607	9,520	9,390	18,910	1,205	1,223	2,428	10,943	11,194	22,137
5	Umujiyi wa Kigali	28	42	70	62	114	176	4,491	4,144	8,635	386	318	704	4,967	4,618	9,585
6	Diaspora	-	-	-	85	73	158	252	758	1,010	0	0	0	337	831	1,168
<b>Igiteranyo</b>		<b>262</b>	<b>570</b>	<b>832</b>	<b>922</b>	<b>1,679</b>	<b>2,601</b>	<b>42,689</b>	<b>40,706</b>	<b>83,395</b>	<b>5,130</b>	<b>4,588</b>	<b>9,718</b>	<b>49,003</b>	<b>47,543</b>	<b>96,546</b>

*Imbonerahamwe ya 8: Imibare y'Abakorerabushake bayoboye amatora mu Gihugu no mu Mahanga*

## 1.7.2. Abakozi b'ingoboka

Kubera uburemere bw'amatora akomatanyijwe n'umubare muto w'abakozi bahoraho ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, binyujijwe muri za Minisiteri bireba, Komisiyo yashyizeho abakozi b'ingoboka bifashishijwe mu bikorwa bitandukanye ku rwego rw'Igihugu, Intara n'Umujyi wa Kigali n'Uturere bangana na 73 nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibyerekana.

Nº	Abakozi b'ingoboka	Umubare w'abakozi
1	Umuhuzabikorwa w'inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora n'amahugurwa ku cyicaro gikuru cya Komisiyo	1
2	Ushinzwe imicungire y'abakorerabushake b'amatora ku cyicaro gikuru cya Komisiyo	1
3	Ushinzwe ibikoresho ku cyicaro gikuru cya Komisiyo	1
4	Abashinzwe ibikoresho ku Ntara n'Umujyi wa Kigali	5
5	Abashinzwe ibikoresho ku Turere	30
6	Abashinzwe ibikorwa by'amatora n'inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora mu Ntara n'Umujyi wa Kigali	5
7	Abashinzwe ibikorwa by'amatora n'inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora mu Turere	30
<b>Igiteranyo</b>		<b>73</b>

### Imbonerahamwe ya 9: Abakozi b'ingoboka bashyizweho

## 1.8. Gutumira no kwakira Indorerezi

Mu rwego rwo gukomeza gukora amatora anyuze mu mucyo no mu bwisanzure, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yatumiye kandi yakira Indorerezi z'amatora z'imbere mu Gihugu n'indorerezi mvamahanga zakurikiranye amatora.

Amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yakurikiranywe n'Indorerezi zingana na 1,196, zirimo 815 b'Abanyarwanda na 381 zavuye mu mahanga, Imbonerahamwe ikurikira irerekana imibare y'indorerezi n'imiryango zaturutsemo.

N°	UMURYANGO/IKIGO	UMUBARE W'INDOREREZI	GABO	%	GORE	%
<b>INDOREREZI ZIKOMOKA MU RWANDA (DOMESTIC OBSERVERS)</b>						
1	RWANDA CIVIL SOCIETY PLATFORM	296	177	59.8	119	40.2
2	GENDER MONITORING OFFICE (GMO)	73	23	31.5	50	68.5
3	RWANDA GOVERNANCE BOARD (RGB)	24	17	70.8	7	29.2
4	NATIONAL COMMISSION FOR HUMAN RIGHTS	39	15	38.5	24	61.5
5	NATIONAL CONSULTATIVE FORUM OF POLITICAL ORGANIZATIONS	100	52	52	48	48
6	YOUNG WOMEN MENTORS	39	8	20.5	31	79.5
7	FRIENDS PEACE HOUSE	33	19	57.6	14	42.4
8	PROFEMME TWESE HAMWE	31	4	12.9	27	87.1
9	NATIONAL COUNCIL OF PERSONS WITH DISABILITIES (NCPD)	10	7	70	3	30
10	PRISON FELLOWSHIP RWANDA	28	18	64.3	10	35.7
11	MINISTRY OF LOCAL GOVERNMENT (MINALOC)	25	14	56	11	44
12	RWANDA NGOS NETWORK FOR GOVERNANCE (RNNG)	12	5	41.7	7	58.3
13	CENTER FOR PEACE, DEMOCRATIC GOVERNANCE AND DEVELOPMENT	83	41	49.4	42	50.6
14	INITIATIVES FOR PEACE AND HUMAN RIGHTS (iPeace)	13	6	46.2	7	53.8
15	HOPE FOR LIVING	1	0	0.0	1	100
16	THE FUTURE FOR AFRICAN ACTIONS ON SUSTAINABLE INITIATIVES	8	4	50	4	50
<b>IGITERANYO</b>		<b>815</b>	<b>410</b>	<b>50.3</b>	<b>405</b>	<b>49.7</b>
<b>INDOREREZI MVAMAHANGA (INTERNATIONAL OBSERVERS)</b>						
1	EMBASSY OF THE REPUBLIC OF KOREA	3	1	33.3	2	66.7
2	COMMUNAUTE ECONOMIQUE DES PAYS DES GRANDS LACS	3	2	66.7	1	33.3
3	EMBASSY OF JAPAN	7	4	57.1	3	42.9
4	EMBASSY OF SWEDEN	4	1	25	3	75
5	THE HIGH COMMISSION OF THE FEDERAL REPUBLIC OF NIGERIA	4	2	50	2	50
6	FORUM OF PARLIAMENTS OF INTERNATIONAL CONFERENCE ON THE GREAT LAKES REGION (FP-ICGLR)	28	24	85.7	4	14.3
7	EMBASSY OF UNITED STATES OF AMERICA	14	8	57.1	6	42.9

8	BRITISH HIGH COMMISSION	18	14	77,8	4	22,2
9	DELEGATION OF THE EUROPEAN UNION	11	7	63,6	4	36,4
10	EMBASSY OF THE KINGDOM OF THE NETHERLANDS	5	3	60	2	40
11	EMBASSY OF BELGIUM	4	3	75	1	25
12	HIGH COMMISSION OF CANADA	3	1	33,3	2	66,7
13	EMBASSY OF GERMANY	7	4	57,1	3	42,9
14	ELECTORAL COMMISSION OF UGANDA	3	2	66,7	1	33,3
15	AFRICAN UNION	28	13	46,4	15	53,6
16	EMBASSY OF POLAND	1	1	100	0	0,0
17	AFRICAN CENTRE FOR ELECTORAL SUPPORT (ACES)	12	9	75	3	25
18	AFRICAN ELECTORAL ALLIANCE (AEA)	8	4	50	4	50
19	AMBASSADE DE FRANCE	5	3	60	2	40
20	AUSTRALIAN HIGH COMMISSION	1	1	100	0	0,0
21	BOTSWANA HIGH COMMISSION	2	1	50	1	50
22	CNE – ANGOLA	6	6	100	0	0,0
23	COMMISSION ELECTORALE NATIONALE AUTONOME (CENA) DU BÉNIN	2	2	100	0	0,0
24	EAST AFRICAN COMMUNITY (EAC)	71	55	77,5	16	22,5
25	EASTERN AFRICA STANDBY FORCE – EASF	22	14	63,6	8	36,4
26	EMBASSY OF ZIMBABWE	7	2	28,6	5	71,4
27	GLOBAL ELECTION OBSERVATION MISSIONS (GEOM)	14	10	71,4	4	28,6
28	INTERNATIONAL IDEA	1	1	100	0	0,0
29	LIGUE CAMEROUNAISE DES DROITS DE L'HOMME, DEMOCRATIE ET GOUVERNANCE	8	6	75	2	25
30	MISSION DE LA FRANCOPHONIE	8	2	25	6	75
31	ONG-NOUVELLE PERSPECTIVE	26	19	73,1	7	26,9
32	OBSERVATOIRE DES JEUNES LEADERS POUR LA NON-VIOLENCE ET LA PAIX (OJL-NP)	7	5	71,4	2	28,6
33	ORGANISATION INTERNATIONALE DE LA FRANCOPHONIE (OIF)	6	4	66,7	2	33,3

34	PROJECT OFFICE OF DANEMARK	4	3	75	1	25
35	SOS VOPAD	1	1	100	0	0,0
36	UJ-CEMAC	10	5	50	5	50
37	ACTION FEMME ET DÉVELOPPEMENT	1	0	0,0	1	100
38	COMESA SECRETARIAT	18	13	72,2	5	27,8
39	COMMUNAUTE ECONOMIQUE DES ETATS DE L'AFRIQUE CENTRALE (CEEAC-EC-CAS)	26	15	57,7	11	42,3
40	ONG DYNAMIQUE DES AFRIQUES	2	1	50	1	50
41	REEI-CEDEAO	5	3	60	2	40
42	ELECTORAL COMMISSION OF MOZAMBIQUE	1	0	0,0	1	100
43	RESEAU DES OBSERVATEURS ELECTORAUX	3	3	100	0	0,0
44	INDIVIDUALS/ RESEARCHERS	3	3	100	0	0,0
<b>IGITERANYO</b>		<b>381</b>	<b>261</b>	<b>68,5</b>	<b>120</b>	<b>31,5</b>
<b>IGITERANYO RUSANGE</b>		<b>1,196</b>	<b>671</b>	<b>56,1</b>	<b>525</b>	<b>43,9</b>

***Imbonerahamwe ya 10: Indorerezi zakurikiranye amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite***



*Amahugurwa y'Indorerezi z'amatora*



*Indorerezi kuri site y'itora*

Muri rusange indorerezi z'amatora zagaragaje ko ibikorwa by'amatora byaranzwe n'ituze, umutekano, ubwisanzure, ubwitabire buri hejuru no gutegura neza ahatorewe.

## 1.9. Kunoza imikorere n'imikoranire n'Abafatanyabikorwa


Mu myiteguro y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite, hateguwe inama z'abafatanyabikorwa ku rwego rw'Igihugu n'Intara mu byiciro binyuranye hagamijwe kunoza imikorere n'imikoranire. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza ibyiciro by'abafatanyabikorwa, iyihe bagiranye inama na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'insanganyamatsiko y'ibaganiriweho.

No	Igihe	Abafatanyabikorwa	Insanganyamatsiko
1	Gicurasi 2024	Abahagarariye Imitwe ya politiki	
2	Gicurasi 2024	Abahagarariye Imiryango itari iya Leta	
3	Gicurasi 2024	Abahagarariye amadini n'amatorero (CPR)	
4	Kamena 2024	Abahagarariye Inzego z'umutekano	
5	Kamena 2024	Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu	
6	Werurwe - Kamena 2024	Abahagarariye inama z'Igihugu (Abagore, Urubyiruko, n'abantu bafite ubumuga)	
7	Kanama 2024	Abahagarariye Ibihugu byabo n'Imiryango Mpuzamahanga mu Rwanda	
8	Nyakanga 2024	Indorerezi z'Amatora	
9	Gicurasi - Kamena 2024	Abayobozi mu Nzego z'Ibanze	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Imiterere y'amatora akomatanyijwe</li> <li>• Gahunda y'Amatora</li> <li>• Amategeko n'Amabwiriza bigenga amatora</li> <li>• Abemerewe n'abatemerewe gutora</li> <li>• Ibisabwa abakandida</li> <li>• Uburyo bwo kwiyamamaza (uko bizakorwa, ibyemewe n'ibitemewe)</li> <li>• Uruhare rw'abafatanyabikorwa mu matora</li> <li>• Imigendekere y'Amatora nyirizina</li> </ul>

**Imbonerahamwe ya 11: Inama n'Abafatanyabikorwa b'Amatora**



Perezida wa Komisiyo aganira n'abafatanyabikorwa bo mu Ntara y'Iburasirazuba



Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo aganira n'abayobozi b'amadini n'amatorero

## 1.10. Kwakira no kwemeza Kandidatire

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakiriye kandidatire ku mwanya wa Perezida wa Repubulika no ku myanya y'Abadepite guhera ku wa 17-30 Gicurasi 2024. Kandidatire zemejwe zatangajwe by'agateganyo ku wa 6 Kamena 2024, zitangazwa burundu ku wa 14 Kamena 2024.

Ku mwanya wa Perezida wa Repubulika, kuri Kandidatire zose hamwe 9 zakiriwe, abakandida 3 nibo bemejwe burundu harimo 2 batanzwe n'lmitwe ya Politiki n'umwe wigenga, Abo ni:



**KAGAME Paul**  
watanzwe n'Umuryango FPR-  
Inkotanyi;



**HABINEZA Frank**  
watanzwe n'lshyaka riharanira  
Demokarasi no kurengera  
ibidukikije mu Rwanda (DGPR-  
Green Party);



**MPAYIMANA Philippe**  
Umukandida wigenga.


---

**Abakandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika bashyikiriza Komisiyo Kandidatire zabo**

Ku myanya y'Abadepite, hakiriwe kandidatire zose hamwe 666 ku byiciro byose, hemezwa burundu 589 nk'uko imbonerahamwe zikurikira zibyerekana,

<b>IBYICIRO</b>	<b>KANDIDATIRE ZAKIRIWE</b>			<b>KANDIDATIRE ZEMEJWE</b>		
	<b>Bose</b>	<b>Gabo</b>	<b>Gore</b>	<b>Bose</b>	<b>Gore</b>	<b>Gabo</b>
<b>BOSE HAMWE</b>	<b>419</b>	<b>242</b>	<b>177</b>	<b>346</b>	<b>154</b>	<b>192</b>
<b>Imitwe ya Politiki</b>	<b>392</b>	<b>218</b>	<b>174</b>	<b>345</b>	<b>154</b>	<b>191</b>
Umuryango FPR-Inkotanyi n'Imitwe ya Politiki bafatanyije (PDC, PPC, PSR, PSP, UDPR)	80	42	38	80	38	42
Ishyaka riharanira ukwisyira ukizana kwa buri muntu (PL)	54	28	26	54	26	28
Ishyaka riharanira demokarasi n'Imibereho myiza y'abaturage (PSD)	59	35	24	59	24	35
Ishyaka riharanira demokarasi no kurengera ibidukikije mu Rwanda (DGPR- Green Party)	64	32	32	50	24	26
Ishyaka Ntangarugero muri demokarasi (PDI)	55	32	23	55	23	32
Ishyaka ry'Imberakuri riharanira imibereho myiza (PS Imberakuri)	80	49	31	47	19	28
<b>Abakandida Bigenga</b>	<b>27</b>	<b>24</b>	<b>3</b>	<b>1</b>	<b>0</b>	<b>1</b>

*Imbonerahamwe ya 12: Kandidatire zakiriwe n'izemejwe ku myanya y'Abadepite 53 baturuka mu mitwe ya Politiki n'abakandida bigenga*



■ IZAKIRIWE ■ IZEMEJWE

## Amafoto y'Imitwe ya Politiki n'Umukandida wigenga batanga kandidatire mu matora y'Abadepite



Umuryango FPR- Inkotanyi



PL



PSD



DGPR-Green Party



PDI



PS- Imberakuri



NSENGIYUMVA Janvier

IBYICIRO	KANDIDATIRE ZAKIRIWE			KANDIDATIRE ZEMEJWE		
	BOSE	GABO	GORE	BOSE	GORE	GABO
<b>BOSE HAMWE</b>	<b>247</b>	<b>34</b>	<b>213</b>	<b>243</b>	<b>211</b>	<b>32</b>
Abagore: Imyanya 24	200	0	200	199	199	0
Urubyiruko: Imyanya 2	34	24	10	31	9	22
abantu bafite Ubumuga: Umwanya umwe	13	10	3	13	3	10

**Imbonerahamwe ya 13: Kandidatire zakiriwe n'izemejwe ku myanya y'Abadepite baturuka mu byiciro byihariye**

### 1.11. Ibikorwa byo kwiyamamaza

Ibikorwa byo kwiamamaza no kwiyamamaza kw'Abakandida byakozwe kuva tariki ya 22 Kamena kugeza ku ya 13 Nyakanga 2024, Abakandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika no ku myanya 53 y'Abadepite baturuka mu Mitwe ya Politiki no mu bakandida bigenga biyamamarije mu Gihugu hose no muri za Ambasade hakoreshejwe uburyo butandukanye burimo itangazamukuru, inyandiko n'ikoranabuhanga nk'uko biteganywa n'Amategeko n'amabwiriza.



Abakandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika biyamamaza

Abakandida Depite ku myanya yahariwe ibyiciro byihariye (Abagore, Urubyiruko n'abantu bafite ubumuga) biyamamarije imbere y'inteko zitora, mu itangazamakuru n'ubundi buryo bw'ikoranabuhanga.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakururikiranye, ibikorwa byo kwiyamamaza no kwamamaza. Muri rusange byagenze neza, byakozwe mu ituze, mu bwisanzure n'umutekano hubahirizwa Amategeko n'Amabwiriza abigenga.

By'umwihariko, ku mwanya wa Perezida wa Repubulika no ku myanya 53 y'Abadepite baturuka mu Mitwe ya Politiki no mu bakandida bigenga, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyizeho impuguke yafashije mu gukurikirana uko abakandida bahabwa amahirwe angana mu gihe cyo kwiyamamaza mu bitangazamakuru bya Leta.

## 2. KUYOBORA AMATORA NYIRIZINA

Kuyobora amatora byaranzwe n'ibikorwa by'ingenzi bikurikira:

- Gutegura ahatorerwa no kuhageza ibikoresho;
- Kuyobora ibikorwa by'amatora ku munsi w'itora nyirizina.

### 2.1. Gutegura ahatorerwa no kuhageza ibikoresho

Hashingiwe ku mubare w'ibiro by'itora, ibyumba by'itora n'uwbatora, ku bufatanye n'abaturage, abakorerabushake, Ubuyobozi bw'Inzego z'ibanze n'iz'umutekano, habayeho igikorwa cyo gutegura, gushyiraho ibiranga ahatorerwa no kuhageza ibikoresho by'itora ku gihe. Urutonde rw'Ibikoresho byakoreshewe rugaragara ku mugereka wa 5 w'iyi raporo.



Abakorerabushake barahira

Hagamijwe kwegereza abaturage ahatorerwa, mu matora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite, hashyizweho site z'itora 47 ku Bitaro byatoranyijwe.

### 2.2. Amatora nyirizina n'ibayavuyemo

Tariki ya 14 Nyakanga 2024 hatoye Abanyarwanda baba mu mahanga, hatorwa Perezida wa Repubulika n'Abadepite 53 baturuka mu Mitwe ya Politiki n'abakandida bigenga.

Mu Gihugu ayo matora yabaye ku itariki 15 Nyakanga 2024.



Abaje gutora



Abanyarwanda mu Gihugu no mu mahanga batora



Abanyarwanda mu Gihugu no mu mahanga batora



Abanyarwanda mu Gihugu no mu mahanga batora



Kubarura amajwi



*Abakuze boroherejwe gutora mbere*



*Urubyiruko rwishimiye gutora*

Ku itariki ya 16 Nyakanga 2024, hatowe abadepite 24 b'abagore batorerwa mu Ntara n'Umujiyi wa Kigali, Abadepite babiri batorwa n'lnama y'Igihugu y'Urubyiruko n'Umudepite umwe utorwa n'lnama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga.

### **2.3. Gutangaza ibyavuye mu matora**

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 67 y'itegeko ngenga rigenga amatora, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yatangaje ibyavuye mu matora by'agateganyo tariki ya 18 Nyakanga 2024.


Ibyavuye mu matora byatangajwe ku buryo bwa burundu tariki ya 22 Nyakanga 2024.



*Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora atangaza ibyavuye mu matora*

INTARA	ABAGOMBAGA GUTORA	ABATOYE BOSE	IJANISHA	IMFABUSA	IJANISHA	ABATOYE NEZA	ABAKANDIDA N'AMAJWI BABONYE					
							KAGAME Paul		HABINEZA Frank		MPAYIMANA Philippe	
							Amajwi	%	Amajwi	%	Amajwi	%
AMAJYARUGURU	1,480,558	1,458,719	98.52	1,656	0.11	1,457,063	1,451,853	99.64	4,117	0.28	1,093	0.08
AMAJYEPFO	2,055,930	2,016,371	9808	2,487	0.12	2,013,884	1,987,161	98.67	15,351	0.76	11,372	0.56
IBURASIRAZUBA	2,246,371	2,211,638	98.45	2,413	0.11	2,209,225	2,190,703	99.16	13,444	0.61	5,078	0.23
IBURENGERAZUBA	2,038,931	2,001,732	98.18	2,499	0.12	1,999,233	1,988,491	99.46	6,004	0.30	4,738	0.24
UMUJYI WA KIGALI	1,172,229	1,154,191	98.46	2,109	0.18	1,152,082	1,142,514	99.17	4,489	0.39	5,079	0.44
MU MAHANGA	77,138	65,225	84.56	973	1.49	64,252	62,072	96.61	1,074	1.67	1,106	1.72
